

Bibiliya y'abana
irerekana



Nowa
n'umwuzure



yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus;
Alastair Paterson

yahujwe na: M. Maillot; Tammy S.

yahinduwe na: Elizabeth Johnson

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2020 Bible for Children, Inc.

Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi
nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.



Nowa
yari umugabo
uhimbaza Imana.



Abandi bose
bangaga Imana
bakanayisuzugura.

Umunsi umwe,
Imana ibwira
ibintu
bitari byiza
nowa iti, ...




... "Ngiye
kurimbura iyi si
mbi," "umuryango
wawe wonyine niwo
uzarokoka."



Imana iburira Nowa ko
umwuzure ukaze cyane
uzaza ugatwikira isi.



Nowa arabwirizwa ngo,
"ubaka inkuge, ubwato bunini
buhagije ku muryango wawe
n'inyamaswa nyinshi."



Imana iha Nowa amabwiriza
ahamye. Nowa atangira
gukora!





Byanze bikunze
Nowa abantu
baramusekaga

abasobanurira
impamvu arimo
gukora inkuge.





Nowa akomeza
kubaka.
Yakomeje
no

kubwira
abantu
iby'Imana.
Ntawumvise.



Nowa yagiraga
ukwemera
kwinshi.



Yizeraga Imana
n'ubwo imvura
itari yarigeze
kugwa mbere.



Mu gihe
gito inkuge yari
yuzuye ngo ijyemo
ibigomba kujyamo.



Haza inyamaswa. Imana yazanye ku moko arindwi, n'abiri ku yandi moko.




Inyoni nini n'into, inyamaswa nto
n'inini byose bifata inzira ijya
mu nkuge.



Birashoboka ko abantu
bahutazaga Nowa
bakanamutuka kuko
yinjizaga
inyamaswa.



Ntibigeze bahwema
gucumura ku Mana.
Ntibigeze basaba
kwinjira mu
nkuge.





Iherezo,
inyamaswa
zose n'inyoni
byageze mu nkuge.





Imana
itumira
Nowa iti,
"Ngwino
mu nkuge,
wowe n'umuryango
wawe."



Nowa, Umugore we,

abahungu
be batatu
n'abagore
babo binjira
mu nkuge. Noneho
Imana ifunga urugi!



Hanyu imvura iragwa. Imvura nyinshi izana umwuzure ku isi umara iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine.





Amazi y'umwuzure
arengera imirwa n'imijyi.





Igihe
imvuzi
yahagaze
kugwa, n'imisozi yari
yararengewe n'amazi.





Ibihumeka umwuka
byose byarapfuye.



Uko amazi
yuzuraga, inkuge
yarerembaga
hejuru yayo.





Hashobora kuba hari hijimye mo imbere, hashobora kuba hari hameze nabi, hashobora no kuba hari hateye ubwoba. Ariko inkuge yarinze Nowa umwuzure.



Nyuma y'amezi atanu
y'umwuzure, Imana
yohereza umuyaga
wumisha.



Buhoro, inkuge iza
guhagarara hejuru mu
misozi ya Ararati.



Nowa agumamo imbere
indi minsi mirongo ine
amazi agabanuka.



Nowa yohereza igikona n'inuma
hanze abinyujije mu idirishya
ry'inkuge. Ntihakoneka ubutaka
bwumutse bwo kuruhukiraho,
inuma igarukira Nowa.





Nyuma
y'icyumweru,
Nowa arongera
aragerageza.
Inuma igarukana
ikibabi cy'umunzenze
mu kanwa kayo.






Icyumweru
gikurikiyeho
Nowa amenya ko
isi yumye kuko
inuma itigeze
igaruka.



Imana ibwira Nowa ko cyari
igihe cyo gusohoka mu
nkuge.



Afatanyije umuryango we,
Nowa asohora inyamaswa.




Ni gute
Nowa
yashimye!



Yubaka
igicaniro
atambira Imana
yo yamurokoye
n'umuryango we
umwuzure
ukomeye.





Imana iha
isezerano
ryiza
Nowa.

Ntizongera
kohereza
umwuzure
guhana icyaha
cy'umuntu.



Imana
yatanze
urwibutso rw'
isezerano ryayo.

Umukororombya
wari ikimenyetso
k'isezerano
ry'Imana.



Nowa
n'umuryango we
babonye itangiriro
rishya nyuma
y'umwuzure.



Muri icyo
gihe, abamukomoka
ho bongera gutura isi
yose. Abatuye isi
bose bavuye
kuri

Nowa n'abana be.



Nowa n'umwuzure

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Itangiriro 6-10

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana
umucyo." Zaburi 119:130



Iherezo



Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.



Niba ushaka kuva mu
byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu
ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari
muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima
bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira
ngo none aha mbashe kubona ubuzima
bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana
nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira
no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe.
Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana
buri munsi! Yohani 3:16

